# 358: Twemere Yesu Ko yaje mw isi

1.

Twemere Yesu—Ko yaje mw isi
Kutubwir' amahoro ye. Ni We nshuti nziza.—I Gologota,Yahaw' abazimiye.Mpora nizera,—N'ubu nizeye Yuko Yesu yampfiriye; Ku Musaraba,—Yaranesheje; Ambohora mwizeye.

2.

Inzira yanjye—Ni Yesu wanjye;Anjyan' aho yangeneye. N' umugiraneza;—Nta muntu n'umwe Yanga guh' agakiza Mpora nizera,—N'ubu nizeye Yuko Yesu yamfiriye; Ku Musaraba,—Yaranesheje; Ambohora mmwizeye.

3.

Mwami w'ubuntu,—Uhimbarizwe Kuk' uturarik' iteka. Tukwitabe twese,—Twumv' ijwi ryaweRihamagara hose.Twizere twese,—Twe guhinyura Ko Yesu yadupfiriye; Ku Musaraba,—Yaranesheje; Abohor' abizeye

Visit us at indirimbo.com